GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

27/02/2017

TUZASIGE ISI YACU ARI NZIZA KURUSHA UKO TWAYISANZE!

Ku cyumweru tariki ya 26/02/2017 mu kigo IPRC cya Kicukiro i Kigali, habereye ibirori byo gusoza icyumweru cya Giskuti cyari cyaratangijwe mu karere ka Rwamagana ku ya 19/02/2017. Iyizihizwa ry'uyu munsi rihuzwa n'isabukuru y'ivuka ry'uwashinze uyu muryango, umwongereza **Robert Baden Powell**.
Ubuskuti bwatangiye mu Rwanda kuva mu mwaka wa 1940, naho muri 1975 akaba ari bwo umuryango w'abaskuti bo mu Rwanda winjiye mu muryango w'abaskuti ku isi. Muri iki gihe, mu Rwanda harabarirwa abagera ku bihumbi mirongo itatu na bibiri.

Abaskuti bato n'abakuru bakurikira impanuro z'abayobozi bitabiriye ibi birori

Ibi birori byitabiriwe n'abaskuti bari baje baturutse mu turere dutandukanye tugize igihugu cy'u Rwanda, iki gikorwa kikaba cyaranitabiriwe n'abaskuti bakuze, bamwe muri bo bakaba bamaze igihe gito bashinze umuryango bise **RASAL**. (Rwanda Ancients Scouts Alliance). Buri mwaka, abaskuti baboneraho bakamenyekanisha ibikorwa bagezeho ndetse bakanashishikariza urubyiruko rw'abakiri bato kwinjira mu Buskuti. Ibikorwa byo gufasha nabyo biritabirwa, muri uyu mwaka ababigejejweho, bikaba byarabashimishije cyane. Nk'urugero twavuga nko mu karere ka Kamonyi hubakiwe inzu umuntu wabaga ahantu habi cyane hadashobotse. Muri Nyarugenge hari umubyeyi wamurikiwe inzu yubakiwe n'abaskuti bo muri ako karere, kuko iyo yari atuyemo yari igiye kumugwaho. Muri Rusizi naho abagororwa bakoze igikorwa cy'urukundo.

Umuyobozi w'umuryango **RASAL** (Rwanda Ancient Scouts Alliance) bwana **Jacques Sindayigaya** yamenyesheje abitabiriye ibi birori ishingwa ry'uyu muryango wavutse ku wa 29 Mutarama 2017, avuga ko washinzwe kugira ngo hakurweho imbogamizi zatumaga ubumwe bw'Abaskuti bakuze budashobora kubaho mu bihe byatambutse.

Burya ngo uburere bwa Giskuti butangwa kugeza ku myaka 25. Nyuma y'iyo myaka hari ubwo byagaragara ga ko uwabaye umuskuti adafite urwego rumufasha gukomeza inshingano, dore ko no mu ndahiro ya Giskuti hari ahavuga ko umuntu aba umuskuti igihe cyose Imana izaba ikibimushoboje. (Scout once, Scout forever).

Ibirori byitabiriwe n'abaskuti baturutse hirya no hino mu gihugu ndetse n'abayobozi mu nzego zitandukanye

Bikumvikana ko uyu muryango umaze igihe gito uvutse, uzaha ababaye abaskuti mu buto bwabo, kwiyumvamo icyanga cy'ubuskuti n'ubushake bwo gushyigikira ababurererwamo muri ibi bihe no mu bihe bizaza.

Bwana Sindayigaya yavuze ku mishinga itandukanye batekereje, ikazagenda ishyirwa mu bikorwa hagamijwe kubaka ubushobozi bw'urubyiruko no kuruha icyerekezo. Nk'urugero mu biteganyijwe mu igenamigambi bafite, hari amarushanwa yo gutegura imishinga agenewe urubyiruko harimo n'abaskuti. Hazahembwa imishinga ibiri izahiga indi, buri umwe ukazahabwa igihembo cy'amafaranga miliyoni n'igice y'amanyarwanda. Umukozi w'inama nkuru y'urubyiruko bwana **Nsanzimana Tharcisse** yashimye uburere butangwa n'umuryango wa Giskuti, kuri we ngo akaba asanga ari uburere bwiyongera k'ubwo abana bavana mu miryango.

Muri iki gihe bigenda bigaragara ko hari bamwe mu babyeyi bateshutse ku nshingano zabo zo gutanga uburere bukwiye, ngo yumva umuryango w'abaskuti ukwiye gukomeza gutanga umusanzu, kugira ngo abana b'u Rwanda batozwe indangagaciro zituma barushaho kuba abantu no kugira ubumuntu.

Mayor wungiije w'akarere ka Kicukiro ushinzwe imibereho myiza y'abaturage bwana **Emmanuel Bayingana,** yashimye ubufatanye bw'umuryango w'abaskuti ku bikorwa bitandukanye bagira mu guhindura imibereho y'abanyarwanda. Yasabye uyu muryango kugira ibikorwa byihariye byo gufasha mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe benshi muri bo bakomeje kuba imbata z'ibiyobyabwenge. Nk'abantu bagaragara muri sosiyete nk'abavuga rikumvikana, abaskuti bagomba gukunda igihugu kandi bakagikundisha abandi, bakaba banakwiye gukomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere.

Vice Mayor ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu karere ka Kicukiro bwana Bayinga niwe wari umushyitsi mukuru

Yifurije umuryango w'Abaskuti bo mu Rwanda gukomeza kugaragarira sosiyete Nyarwanda nk'umusemburo w'iterambere. Yagize ati: " Dufatanye dufasha gukemura ibibazo by'abaturage bacu".

Mu ijambo rye, komiseri w'Umuryango w'abaskuti mu Rwanda bwana **Gakuba Fidèle** yagarutse ku nsanganyamatsiko yahariwe icyo cyumweru yagiraga iti: "Baskuti turangize inshingano zacu, twiteganyiriza ejo hazaza."
Yavuze ku bikorwa bitandukanye umuryango wagezeho mu mwaka ushize, nk'itegurwa ry'udutabo ku burenganzira bw'ikiremwamuntu, akandi ku burere mboneragihugu, ndetse n'akandi ku ihame ry'uburinganire.

Umwanditsi wa Gana Heza ya CCOAIB irimo n' umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, ari kumwe na bamwe mu banyamuryango ba RASAL

Robert Baden Powell, washinze umuryango w'abaskuti

Mu butumwa bwa nyuma bwa Robert Baden Powell washinze umuryango w'abaskuti yasize, asoza yagize *ati:"Inzira nyakuri y'umunezero ni ukuwuha abandi. Mwihatire kuzava kuri iyi si muyisize ari nziza kurusha uko mwayisanze, kandi igihe cyanyu cyo gupfa nikigera, muzatabarukane ishema, mwishimiye ko mutataye igihe cyanyu, kandi ko mwakoze neza uko mwari mushoboye*"
Iyi mpanuro ya **Baden Powell** ntiyakagombye kuba umwihariko w'abaskuti gusa, ahubwo buri munyarwanda akwiye guharanira kuyikurikiza, maze twese dufatanyije, u Rwanda rwacu dukomeze turugire rwiza.

Benoit Ndirikiye
INFODOC/CCOAIB